

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: UWAMAHORO Josiane

School: E. T. de MUKINGI

Class: 3e année Year

Subject:

KNOWLEDGE IS WEALTH

UWAMAHORO Josiane

Prefecture : Gitarama

Commune : Mukingi

Secteur : Kamusenye

Cellule : Gakomeye

Classe : Ecole Technique de Mukingi

Centre : Byimana.

Annee scolaire de 1999 - 2000

UKO INTAMBARA Y' ITSEMBABWOKO N' ITSEMBATSEMBA YO MURI 1994 YANGENDEKEYE

UKO INTAMBARA YATANGIYE

Le 07.04.1994 mu gitondo nibwo kuri Radio twumvise bavuga ko indege yari irimo Habyarimana bayirashe.
Ubwo bavugaga ko muri Kigali abantu bose baguma mu nzu utihagira usohoka.
Twafunguraga Radio mu burundi cg muri muhabura tukumva bavuga ko abantu muri Kigali bashize bicwa n' abajepe n' abasirikare b' interahamwe.
Ariko twe twumvaga ko ari amashyaka yashyamiranyemo ko ari abanyenduga bashyira-nyemo n' abakiga.
Ubwo hashize iminsi mike twumva ko bene wacu bari i Kigali ko babishe babamaze hari Data wacu n' abana 9 n' umugore we barabamara a basaza banjye nabo bariyo barabamara n' abantu benshi bo muri famille yacu.

ubwo twahise tujya mu galinda kabo kuko abantu benshi bari bashize.

twahise duciika intege kubera agalinda. ariko twumvaga ko twe intambara itazatugeraho ko ariyo uturere twatubiranyemo wubwo abakiga aribo bari bafite intege zo kuganza abanyenduga bakabamara muri Kigali ariko twumvaga ko batakigabiza Gitarama ubwo hakomeje kwica kw' abantu.

UKO INTAMBARA YATUGEZEHO MURI GITARAMA.

ubwo twumviste ko muri Kommune Tambwe hatangiye kwicwa abantu ariko ntitwabitabanukiye abo aribo uretse ko byose ari kimwe gufa kwari ngombwa. ubwo papa yaragamuste ajya abantu ku gasantere kitwa mu Byimana ahasanga imodoka irimo abantu bari baturutse i Kigali barimo kwunga ngo bice abatutsi bajye babasanga ku muhanda.

Papa yalise agira ubwoba aliko amaniko avaga aratubwira ati byakomeye ati ni ugupfa aliko twe twumvaga atari ibintu bikomeye cyane twumvaga ko ari intambara nk' izindi zabaye mbere yo muri 1959, 1973 ubwo ko atari ibintu bikomeye cyane.

ubwo twagezye ni mugoroba tujya kurara ku gasozi tugiranga turebe aho ibintu bigana twagiye kubona muri icyo joro tubona ingo zose zo muri familie yacu hagiye ho ibitero ubwo inka barashorera bajya kuzibaga muri ako kanya tubona ingo batangiye kuzitwika umuriro watangira uraka ku ngo zo mu batutsi zose ibintu byo mu rugo byose barabisahura muri icyo joro ku buryo nta kintu basizemo ubwo twaliye twumva ko byadukomereyeho dutangira gutatana muri icyo joro.

aliko kuko inzu bari batarazisenya jye numvaga ko nibucya dusubira mu rugo kuko ari ubwa 11 nari mbonye intambara.

bwavakeye noneho abatutsi batangira kwicwa
ubwo nibwo twatangiye gutobanukirwa ibyo aribyo
uwo munsi amategura barasokamburwa baratwara
inzu barazigusha, imyaka mu mirima, amatungo
ariko n'abantu bicwa natwe badushiga ugo
batwice kandi ibyo byakorwaga n'abaturanyi babu
barenyaga amazu aho bamaze gusenya bakavuga
ko kuko bahasange imyobo iyo kuzashyiramo
abahutu.
kandi niyo bamaraga kwica umututsi bavugaga
ko bamusanganye impapuro yandikiwe n'inkotanyi
ayo yose n'amakuba yi [illegible] abatutsi, yewe!!
Dore ko bavugaga ko kwica ikitutsi ari uko
gutema umutumba, ugo byari uruwyenga
ugo abatutsi bavaga amazi naho abahutu
bakava amaraso, dore ko ugo bari n'inzoka
ubwo kuko papa nawe yabaga I kigali yari a-
maze iminsi aviye c kigali uwere yoko Habyari-
mana apfa. nawe ubwo interahamwe z'iwacu
zamuhigaga zivuga ko yapfaga ku kimihina

ugo azi amabanga y'inkotanyi
wenda papa nawe yari kugwa i Kigali uretse
ko byose ari Imana itabyemeje kwicwa ariko
ubira yaffuye ariherekana.
ubwo twibereraga mu mwobo ahantu hagati mu
rutoki hejuru tukarenzaho ibishangara ubwose wumva
kuvuga ugo ivaho mu ivaha ndaffa.
umuntu yari atagerereje guffa kuba nta bundi
buzima ategereje
Twumvaga abantu bose badufitiye akamaro babishe
bakamagaye mu byukuri ukumva nawe utaho urigaye
ukifuza kuba utaravutse nka wa mugaragu w'Imana Yobu.
ukumva ese ndakigenura bakakwica uretse ko
Imana ireba kure utabaffira gushira.
kuko bicoga bavuga ugo umwana w'umuhutu
uzavuka ajye abaza uko abatutsi basaga.
mbese umuntu yumvaga ko nta mututsi uzasigara mu gihugu.
Ibisigazwa byari bisigaye by'
abatutsi noncho babijyanye kuri Komini Muhingi

twaffuye kujyayo aiko kabiri twumvaga ko

bagiye kutwica aiko twumvaga ko ubwo bagiye

kudushyira hamwe ko batwicisha ibasi dore ko

navyo ryari rihenze ritaffaga gukoreshwa ugo

inzoka zicishwaga amafuni n'impiri n'inkota.

Twaragiye badushyira ahantu mu ngo twese nta

kindi twakoze uretse gusenga ugo duffire mu

maboko ya Nyagasani kuko kwi komini kari

muri secteur yacu na serire yacu ubwo intera-

hamwe zadukigaga niko zabanzwaga zose.

Nyagajeje nimugoroba umufoniri witwaga Kayumba

arazo aratubwira ati « bariya bagabo cano bashaka

baramutwara utitibatangagze abo bagabo bari

interahamwe z'iwacu

izo nterahamwe zaje kwi komine ni

- uwitwaga Rangaranga
- " Sigiri
- uwitwaga Bubunuge
- " Munyaburanga

n'izindi nyinshi ntabashije kumenya amazina

yazo

ubwo zoraje zijya ku muryango zifite uruhafuro rwinho rirtri yi abagomba kujya kwicwa. mu byukuri rwoncho abagabo bose bari bangaye muri famille yacu bose bari kuri iyo riste n' abakobwa bajijutse base.
ubwo barabosahoye batangura kubaterera ibyuma imbere yacu bamaze kubateragura ibyuma tubona baragaruthe, ubwo tudgigengo barabarethe ntibakibishe bwarakeye baragaruka (izo nteralumwe) barongera barabahamagara ariko bamwe barabaeitsi kanmo na papa
ubwo muri famille yacu bajyanye abitwa

1. Habiyambere François
2. Mubingi Antoine
3. na Matayo

n' abandi twari turikumwe aho muri Komine
ubwo babajyanye babateragura ibyuma babajyana mu isoko ryari kavugeru kitwa mu Bujimana babicaramo, babashyira muri fosse yari aho
ubwo rwoncho kuri twe twahise twumva birangiye Bwarakeye twari Burgumestre wa Komune yitwa ga Ntahimana Sazini tubona azanye imodoka ya Bisi ngo yo kutujyana

ubwo nonaho twumvaga ko bagiye uko baturoha
mu kivu cg ahantu habi cyane
abantu bahise bajyamo aiko twe atubuza kujyamo
jyewe, Maman, na mukaza wanjye aratubwira ati
nimujye kwa sogokuru wenda ntibahabura akazarigara
ubwo ba papa bwije bisi natwe turagenda aiko twihishe
twagezeyo baratwakira baraduhisha ku buryo twihisho.
aiko nabwo byari ukokoma umo mutaga spituaga
Munigantama ~~carkete~~ Carkete ubwo njye na murazga
wanjye baraduhishe ahantu mu musarane bari
baracukuye wari uwuzuye aiko batarawitumamo
ubwo interahamwe zahateraga buri munsi ugo zije
gusaka inzoka zahari aiko ntibatubone
ubwo naho twahaginiye ubuzima bubi cyane kubera
kuruga tuti baratuvumburamo batwice kandi umwuo
vugo rwose bari kubica kuka bavugaga ko ari ibyitso
nonaho twicuza icyatumye tutajyana na bene nacu
kuko ba marume bajyaga I kabusayi aho ba papa
bari bari nanjye ukumva najyayo kuko ubuzima
bwo mu musarane bwari bwarandambiye

ubwo mu kwezi kwa 5 niho nanyje numvise ndebuye
mpita njya I Kabwayi najyanye na marume gusura
papa aiko ibyo nabonye mu nzira ahaa !!!
imirambo y' abantu, nâvakubiswe, n' ibindi bibi byinshi
ku buryo nageze yo nahahamutse sinagaruka
nageze yo ntanga naho ubuzima bwaho bwari bwuzuye
ibibi, maze nongera kubonana na bene wacu bari
basigaye ahari nari ngiye gutezera kwiri papa ngo
adaffa tutabonanye kuko nonehô bakiza umututsi
babohere zagamo amasasu, abo batwasaga bakabica, ...
hari ubuzima bubi cyane, inzara, macinya, igisagororo
mbese abatutsi bari bararimbuye ingururo kurunguta.
nahamaze iminsi 2 ndongera ndagomoka kuko guffa
ntaeyo byari bimbuiye nabonye ngeze kwa sogokuru
ntaguye mu nzira aiko byabaye nki inzozi kuko
nanyje finzi inzira nanyuze ahari nagenze mu turere
maze nisubira mu musorane wanjye
ubwo twaciyemo iminsi 2 kwa sogokuru nijoro
interahamwe zirahatera zitwaje imbundo, ibyuma,
mbese ibikoresho byose byo kwica

zanaje ziravaba inzugi ziragikura zigera imbere
aiko ikiyo zakoze n' amarorerwa zageze mu nzu umusaza
wagiriko ubwo gica umuhungu we ni' umusore wigaga
mu mwaka wa 5 wa secondaire n' undi wari
yubatse zirasahura kuko uwo musaza yari
umucuruzi w' imbo zahakuye n' amafaranga menshi
zirahura n' ibintu byose byari bifite agaciro.
aiko twe singi uko Imana yakinze ukuboko
wa murarane wacu ntibawumenye aho bwo
basatse mu nzu hose baratutura kandi bari bagiko
barusangamo bakatwica aiko inzu yacu ntibayimenye.
kuko iyo nterahamwe haimo iz' iwacu nk' uwitwa
Munyabaranga n' izindi ntibuka amazina
izabashije kumenyekana ni 7 aiko muri zo ntawa-
sigaye zose zarapfuye amaraso ya bene wazo yapikozeho
ya Mana y' umuntu bwarayeyeje maze ibintu biradogera
Interahamwe zarabirayeme maze si ukwicana
kuko amaraso y' abantu yari yabakozeho -
Hapfuye birindwi byose, ubwo kwa sogokuru
hari haumbutse aiko umuvoga ikiyo pfuye nkiseka.

uti urunda ubwo ibyo byapfuye bwaeya kabiri kwari ku itariki ya 15.05.94 ubwo bahambye izo nzirakarengane (ba marume) maze nongera kumva indi nkuru ngo na papa barayé bamwishe ubese bashakaga kuturimbura umuntu umwe uretse ko utabajyana Papa we bamukuye mu gindi mpunzi I kabwayi n'abandi bantu kwarimo n'abo mu famille yari babajyana hanze babakubitagura impiri, babateragura ibyuma ueko babatsinda aho Papa yitwaga Nzabamwita Innocent babatsinze mu maso y'impunzi zose zari zihari. ahantu hitwaga mu C.N.D niryo zina hari harabonye

Ubwo kwari ikintu akagama harugaru gato barajyana basigaraho udutsinde 2 ngo barabahambye yewe izo nzirakarengane Imana izihe uburuhukiro budashira

ubwo noneho jye na Maman na murava wanjye twarongeye duhorira inyumo Cyane kuko aho turi twahungiye bari bapfuye bashize ari

na papa yari apfuye mbere ndi twumvaga
ko igihugu cyari ugufa kuko ni amasasu
yari yatenshe kuri aho kwa sogokuru yari
yaduhuye umutima amasasu 14 yose hejuru
yacu ? twari twabaye ibinya .
Ubwo haciye iminsi twumva imbunda zivuga
ubwo tubona impunzi zatangiye guhunga
zivuga ngo inkotanyi zivaga ziza, mbere bazihu-
ravika cyane ubwo natwe aho twari mu nzu
yacu ya umusarani tukirira, aliko twumva
tubonye amabuye twaguruka tutazibanga
kuko nonaho bakoratoraga ndetse twose twariga-
ye kugiranga hatagagira agasiga harava inkuru
dere ko mu amasambu yacu bari barayigabanyije .
twasanze barateye ibiti bibagabanya
ubwo twagumye mu musarani wacu dutinya
gusohoka kuko twari twarw nyo dusohoka
Abaturage bo muri ako gace bose barahunze -
aiko twe twagumye mu rugo kuko nta handi
twari kubona duhungira

ubwo inkotanyi zari zimaze kugera mu Byimana

aiko nonaho tugira ikibazo cyi inzira tunyuramo

kugirango tugere mu byimana kuko twatinyaga

ko interahamwe zatwica mu nzira ~~zitatwica~~

tugenda dukitamo kugema mu rugo

ubwo twagiye kubona tubona abasirikare b'

inkotanyi baraje ubwo twahise tumenya ko abazatse

tubatekerereza ibyacu byose muko baratujyana

batujyana mu byimana uko twari turi muri

uwo rugo twese

tugeze mu byimana rwose nyje nabonye ari uki

igitangaza kuko nahasange bene wacu bari

baritse ku icumu ariko bamwe bari bari

kandi byongeye nari nongeye gusohoka nkabona ibyo

hanze. ubwo gukunga nabyo byatunvunnye ariko

umuntu wari yakize umuhoro ni inkota.

None ubu twavorokotse turi bazima

Muri make uko intambara yo muri 94 yangeleye

Murakoze

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.